


IJWI RY'IMANA MURI IYI MINSI YA NYUMA

 Mu by'ukuri ni amahirwe kuba nongeye kugaruka nkaba ndi kumwe n'aba banyagihugu cya Espange muri iki gitondo. Kandi sinzi niba Jim arimo kunyumva. Oh, arimo gufata amajwi. Ndacyafite indirimbo za korari ntoya yo muri Espagne zafashwe igihe nari ndi hano ubushize ndi kumwe na mwene Data Garcia. Ariko nibagiwe akaririmbo bakundaga kundirimbira. Ariko, yoo, mbega ukuntu nagakundaga! None ubu abo bana bose barakuze bashatse n'abagore. Na n'ubu amakuru yabo angeraho. Uyu muni mu gitondo ubwo natemberaga nahuye n'umwana muto Joseph, none mu by'ukuri hari icyo byamariye, kandi rwose nishimiye kubabona.

² Kandi, ubu, hari ijambo rimwe ry'icyesipanyoli namenye nshobora kuvuga. Urashaka kuryumva? “Hallelujah!” Sinzigera nibagirwa iryo jambo rya . . . ngerageza gutuma umugore ufite ubumuga bwo kutumva ashobora kumva igihe kimwe. Noneho, nshobora kuba mbivuga nabi, urabona, ariko icy'ingenzi nibuka ni “oye.” Ibyo ni byo? *Nyumva. Umva*, “oye.” Noneho ntuzigere wibagirwa, “Gloria a Dios!” Ni byiza bihebuje! Yoo, nagize amahirwe yo kumanuka njya mu murwa mukuru, Mexico City, nagiyeyo mvugana nabo. Mbega ukuntu nishimye! Kandi nari narabimenyereye . . .

³ Mvuye hano nagiye muri Finlande. Kandi buri gihe nibukaga kuvugana n'umugore muto w'umufinilandikazi. Banjyanye mu byo bita “bethany.” Buri gihugu cyose gifite imitekerereze yacyo bwite. (Ndi, murimo kunva neza indangururamajwi, naba nyegereye cyane? Mushobora kumva neza noneho? Ni byo.) Uyu mugore muto, yari umuntu muto muto w'igikundiro. Ariko yari ameze nkanjye, yakundaga kuvuga amagambo menshi. Kandi umusemuzi . . . mu by'ukuri yavugaga yihuta cyane, nuko—nuko umusemuzi nawe yagombaga kuvuga yihuta cyane kumurusha. Kandi yashoboraga guhagarara, afite uburakari cyane mu maso, akavuga ati: “ndambiwe aba basore bo muri Babiloni.”

⁴ Ariko, urabizi, Nabonye ko byose—inanyi zose ziririmba mu cyongereza, imbwa zimoka mu cyongereza, impinja zirira mu cyongereza. Kuri twe Ndibaza ikibazo uko byamera kose. Ariko buri wese muri twe atekereza ko ururimi rwacu—rwacu ruzaba ururimi rw'Ikinyagihumbi, birumvikana rwose. Ariko twe abakiriye Umwuka Wera, ibyo ni ukuri, kubera ko dufite ururimi rwo mw'Ijuru.

⁵ Dufite mwene Data Rowe hano uri kumwe natwe muri iki gitondo, umudipolomate ukomoka i Washington. Nizera ko yakoranye n'Abaperezida batanu cyangwa batandatu, Abaperezida barindwi. Kandi muzi uko niyumva iyo mpagaze kuri, uru Ruhimbi, mvuga, ndi kumwe n'umugabo nkuriya wicaye inyuma yanjye. Ariko ubuhamya bwe buri gihe bwabaye indashyikirwa kuri njye, cyane cyane iyo we. . . Ndatekerezwa ko yari Umuluteriyani, niba ntibeshye, cyangwa se Umugatolika cyangwa Umuluteriyani, Umuluteriyani. Nuko aravuga a. . . ikintu kijyanye rwose no kunyerera muni y'ihema mu materaniro y'Abapentekote, nuko arahaguruka. . . Amaherezo, yerekeje ku gicaniro, arangije, Uwitwaga aramanuka, amuha umugisha cyane ku buryo. . . Ntekereza ko ashobora kuvuga indimi zigera kuri zirindwi. Avuga ko yagerageje rumwe, "ntirwemera," hanyuma agerageza urundi, "ntirwemera." Kandi ndakeka ko ashobora kuvuga icyesipanyoli nkuko mwese mubishoboye. Na we—yazigerageje zose, maze ntizakunda. Kandi, reba, umenye ko, Imana yari nziza cyane, Yaramanutse imuha ururimi atigeze agerageza kuvuga mbere, ati: "Rwakoze." Ni byo. Ntekereza ko ari bwo buryo bizagenda mu rundi ruhanda.

⁶ Nibuka ibintu byinshi mu mutima wanjye kubw'itorero rito, ndabyizera. . . yewe, nibagiwe aho bigeze. Byarangiriye hano hafi y'Umuhanda wa Tonto. Kandi ndabyibuka. Ndashobora gutekereza ku ijambo "Umuhanda wa Tonto," aho itorero rya Apositoliki ryo muri Esipanye ryahoze.

⁷ Nabwiraga pasiteri nti: "Aha hazaba ari ahantu heza ho kugirira ububutse," ibyumba byinshi, itorero rishya, abantu beza. Ndatekerezwa rero ko umunsi umwe byaba biri ku murongo w'ububutse. Mubisengere, kuza mukinjira mukagira ububutse. Noneho, nizere ko ari ugusubiramwo gusa ibyo twari twarangije ku rindi torero. Ndibuka mpagaze mu gikari, nunamye hejuru y'uruzitiro, hejuru ndeba mu mihanda, ngerageza kuvayo nijoro, byari mu by'ukuri bishimishije ku buryo ntigeze nibagirwa. Kandi mfite i—inyardiko yabagore bato, abakobwa beza kandi bakundwa baririmbye maze mbafata amajwi. Kandi bageragezaga kuririmba bagira bati: "Izere Gusa," kandi ntibabishoboye neza, urabizi. Baravuga, aho kuvuga "Izere gusa," humvikanaga "yeonea izere," murabona.

⁸ Kandi ndibuka Rebeka, umukobwa wanjye na Sara, baravuga bati: "Papa, ririmba, ucurange ya ndirimbo ngufi yafashwe amajwi ya ba. . ." Aho kuvuga ngo: "Spanish," ntibashoboraga kuvuga iryo jambo, baravugaga bati: "Abakobwa ba epinari, abakobwa bato ba epinari baririmba'Izere Gusa."

⁹ Ni byiza, ndibuka ko bakurikiranye ikiganiro. Ububutse bwariho icyo gihe, bakurikira ikiganiro bose inzira yose kugeza ku nkombe y'Iburengerazuba. Nanjye. . . ikintu gito cyometse

mu mutima wanjye ubwo twavaga muri Califoruniya, Mwene Data Moore nanjye, na mwene Data Brown, tuzamuka kuri nyubako ya capitol. Kandi ubwo namanukaga muri iyo nyubako muri iryo joro, abo bana bari bahagaze aho baririmba ngo: "Akwitayeho." Warabyumvise. "Wanyura ku zuba cyangwa mu gicucu, Akwitaho." Inshuro nyinshi mu bihugu by'amahanga, haba no kurugamba rw'intambara z'isi, gerageza kuzana Ubutumwa bwa Kristo, ndibuka abo bakobwa n'abahungu bandirimbiye iyo ndirimbo ngo: "Akwitayeho. Wanyura ku zuba cyangwa mu igicucu, Aracyakwitayeho." Ibyo rero byambereye uguhumekerwa gukomeye, ubufasha.

¹⁰ Guhura n'umushumba wanyu mwiza, kandi nshimishijwe cyane no kubona ko itorero ari rizima kandi mufite iyi nyubako nziza cyane hano, irimo byose, imyanya myinshi yo guhagarikamo imodoka. Ahantu nyaho hari mu maboko y'Umwuka Wera, niba dushobora Kumushaka gusa kubibona no kumenya ko twahamagariwe ububyutse. We, ndizera ko Abutanga.

¹¹ Noneho, iri joro turi ku rusengeru rwa mwene Data Outlaw, itorero rr'Izina rya Yesu, riri hakurya. Kandi mwene Data Outlaw, ndizera ko...ni itorero ry'Intumwa. Ntekereza ko ahamagara izina rye gusa, itorero, Izina rya Yesu. Ntekereza ko ari umu apositoriki mu myizerere. Kubw'ibyo tugomba rero kuba duhari muri iri joro. Noneho ubu ntabwo turimo kubwira itorero rya Espanye, "noneho ngwino hano," kubera ko uguma mu nshingano zawe. Noneho hazaba igiterane gikomeye cy'Abagabo b'Abacuruzi b'Abakristo, guhara kuwa kane, nyuma y'amateraniro yo mu zindi nsengeru, ku wa Kane. Kandi iki giterane, kizaba gifite abazakivugiramo bakomeye, nuko rero nka Oral Roberts, na bene Data b'Abametodisiti ni bo bafashe umwanya, kandi bavuga ko ari umuntu uzi kuvuga cyane bikomeye. Kandi nzi neza ko muzishimira iki giterane. Namwe bana b'ingimbi, babonye igiterane cy'abangavu nabo, nk'uko mwene Data yabitangaje. Mfite abana banjye hariya nabo bazakijyamo. Noneho rero ngwino nawe, tuzishimira kukubona. Uwiteka abahe umugisha mwese.

¹² Noneho ndashaka guhindukirira Bibiliya ngasoma amwe mu Ijambo rye ry'umugisha. Kandi nahisemo muri iki gitondo, mu gihe gito gusa, sinshaka kugufata igihe kirekire, amwe mu magambo yanditse, umwe muri yo aboneka muri Samweli wa mbere, andi akaboneka muri Yesaya. Kandi ndashaka kubanza gusoma muri Yesaya. Nanjye. . .

¹³ Murashobora kumva neza, hirya no hino? Hagati y'izi mikoro, barasa nk'abanyumva bigoranye cyane, sinzi impamvu. Murimo kumva neza abari hanze aho, muzamure ukuboko. Ni byiza, byiza.

¹⁴ Noneho, Ndi umusore muto gusa, birumvikana ko ibyo biva ku kuvuga byinshi. Kandi kuva igihe nari ndi hano ndi kumwe na ba bene Data bo muri Esipanye, hashize imyaka igera kuri cumi n'itandatu, ndakeka, birashoboka nko mu myaka cumi n'itandatu cyangwa cumi n'irindwi ishize, ni byiza, narabwirije kuva icyo gihe. Nari naniwe rero icyo gihe, naravuze, kandi ndacyarushye, ariko ndacyakomeza ku bw'ubuntu bw'Imana.

¹⁵ Noneho reka duhindukire tujye muri Yesaya 40, igice cya 40 cya Yesaya; n'igice cya 1, cyangwa igice cya 3 cya Samweli wa mbere. Mu gihe tugifashe ahantu ho gusoma Ijambo, ndashaka ko noneho twunamisha imitwe yacu akanya gato tugasenga.

¹⁶ Data wa twese wo mu Ijuru, twishimiye uyu muni kubw'amahirwe yo guhagarara muri iyi ngoro nziza yeguriwe Imana n'umurimo wayo. Kandi nk'uko tubizi ko abagaragu bawe bahagaze hano inyuma y'uru ruhimbi cyangwa igicaniro inshuro nyinshi, hamwe n'ubuzima bwitangiye umurimo wawe.

¹⁷ Kandi ko *ibi*, muri iki gitondo, bigarura kwibuka, kwibuka ububuyutse bwari bumaze gutangira, hamwe n'Umwuka Wera wari wamanutse mu buryo bw'Umucyo mwinshi, nk'Inkingi y'Umuriro, kandi Yavuze ko Ubutumwa bugomba gukwira isi. None uyu muni ayo ni yo mateka. Ubutumwa bwakije umuriro mu bantu bakomeye, nyuma yo kububona, nka Oral Roberts na Tommy Osborn, na Tommy Hicks n'abandi benshi. Kandi binyuze mu mbaraga twashyize hamwe, tubona Ubutumwa bwarakije umuriro w'ububuyutse mu bihugu byose byo muni y'Ijuru, bw'Ubutumwa bwa pentekote. Kuri ibi turagushimira kandi turaguhimbaza, o Mana Ikomeye.

¹⁸ Noneho uyu muni turagusaba ngo Utegere imitima yacu, yitegere Kuzamurwa gukomeye kuzaba vuba, turabyizera. Niba kandi imitima yacu itameze neza kuri ibyo cyangwa ku bindi byose waduteganyirije, turasenga ngo Utubabarire amakosa yacu, kandi uvugane natwe uyu muni ukoresheje Ijambo Ryawe. Ha umugisha umushumba w'iri torero, abadiyakoni baryo, abashinzwe umutekano, n'abalayiki bose, abayoboke. Ha umugisha iyi korari nto, na piyano, abacuranzi. Twese hamwe, ubahe umugisha abinjira bose muri aya marembo. Nibasohoka bahinduke buri gihe, barusheho kukwegera uko binjiye. Byemere, Data. Kandi ibyo birashoboka, ndetse no muri iki gitondo, kuko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹⁹ Noneho duhindukiriye Igitabo cya Yesaya, igice cya 40, turasoma.

Nimuhumurize abantu banjye, mubahumurize, ni ko Imana...Ivuga.

Muvuge ibyururutsa imitima y'ab'i Yerusalemu, mukomere muhabwire ko intambara zaho zishize, kandi ko gukiranirwa kwaho hakubabariwe, n'ibyaha byaho byose ko habihaniwe kabili...n'UWITEKA.

Ni mwumve ijwi ry'urangurura ngo, Nimutunganyirize UWITEKA inzira mu butayu mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa.

Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozu bizaringanizwa: n'ahagoramyem hazagororwa n'inzira zidaharuwe zizaharurwa:

Maze icyubahiro cy'UWITEKA kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe: kuko akanwa k'UWITEKA ari ko kabivuze.

Noneho mu Gitabo cya Samweli, Samweli wa Mbere, igice cya 3, ndashaka gusoma umurongo wa 1, 2, n'uwa 19:

Uwo mwana Samweli yakoreraga UWITEKA imbere ya Eli. Kandi muri icyo gihe, nta kwerekwako kwari kwereyeye.

Muri icyo gihe, Eli arambarara hasi mu mwanya we, amaso ye atangira guhuma, atakibona;

... itara ry'Imana ryari ritarazima mu rusengero rw'UWITEKA, aho isanduku y'Imana yari iri, kandi Samweli yari aramye;

Maze UWITEKA ahamagara . . . nawe ati, Karame.

Umurongo wa 19:

Nuko Samweli arakura, UWITEKA abana na We ntiyakunda ko hagira ijamba na rimwe rya Samweli rigwa hasi.

²⁰ Yoo, ibyo byaba ibyanditswe bihagije twavugaho hano ukwezi kugashira, kandi dushobora gushushanya ibintu byinshi muri ibi byanditwe. Ariko muri iki gitondo, dufite iminota igera kuri makumyabiri yo gusohoka mu gihe gikwiye tuva . . . Nduka ko ishuri ryo ku Cyumweru ryarangiye cyangwa se wenda riza gukurikiraho, simbizi. Ariko, ibyo ari byo byose, ndashaka gukoresha umutwe w'ibyanditswe ugira uti, *Ijwi ry'Imana Muri icyi Minsi ya Nyuma.*

²¹ Ni igihe cyiza cyane. Tumenye neza ko aho tuvuye duhera mu Byanditswe, bivugako bita: "Nta yerekwako ryereyeye ryariho mu gihe cya Samweli." Kubw'ibyo, "Ahatari iyerekwako," Bibiliya iravugako ita: "abantu bararimbuka." Tugomba kugira icyerekezo. Kandi iyerekwako riza ku bahanuzi, kandi ni ijamba ry'Uwiteka rivugako na bo.

²² Kandi dusanga ko Eli atari umuhanuzi, Eli yari umutambyi. Kandi yari ashaje, kandi amaso ye yari yijimye, kandi ntiyashoboraga kubona hirya no hino, yari umuntu munini w'ibiro byinshi. Kandi yari yaratangiye kureka umurimo w'Uwiteka.

²³ Kandi ibyo bintu ni ko bimeze muri icyi minsi. Ntekereza ko itorero, ishyirahamwe n'amadini, bamaze igihe kinini

mu murimo, kandi batangiye gucika intege. Kandi umurimo w'Uwiteka urimo gusigara udakozwe, Ijambo ry'Ukuri, kubera ko itorero ubwaryo, ryabaye impumyi. Kandi uyu muni, dukeneye ko, Ijwi ry'Imana ijwi ry'imana rivugira hagati yacu, rikaturarura.

²⁴ Kandi, murareba, Eli yari arambaraye hasi, kandi na... n'amaso ye yari ananiwe. Yari umutambyi. Kandi ntibari bafite iyerekwa ryeruye riturutse k'Uwiteka. Kandi ibyo byar bikenewe cyane!

²⁵ Kandi Imana yasezeraniye kuzuza ibikenewe by'igihe. Buri gihe ni ko ibigenza. Kandi dukeneye Ijwi ry'Imana muri iyi minsi, kugirango duhuze ibikenewe by'igihe, kugirango duhuze neza n'igihe turimo. Kandi Imaze kubisezeranya, dushobora kwizeza ko Izasohozza amasezerano Yayo. Ni byo byiringiro uwizera afite mu Muremyi we, ko yasezeraniye kuzuza ibikenewe.

²⁶ Kandi, uyu muni, impamvu imwe ituma itorero rimeze uko riri, ni ukubera ko hari amajwi menshi, hari andi majwi menshi akurura itorero arikura ku Ijwi ry'Imana, kugeza ubu ntibidashidikanywaho cyane ko benshi bari kumva Ijwi ry'Imana ryigishwa neza hagati yabo. Birashoboka ko batanabisobanukirwa, kuko Byaba ari ikintu kidasanze kuri bo. Ubwabo hari ibyo babonye bishingiye ku majwi y'iki gihe!

²⁷ Niba kandi tubonye, mu Byanditswe byacu twasomye ko, Ijwi ry'Imana ryari nk'ikidasanzwe kuri bo.

²⁸ Kandi ni ko bimeze nanone muri iyi minsi, ko Ijwi ry'Imana... Hariho andi majwi menshi. Noneho niba Imana yarabidusezeraniye Yo Izabiduha, kandi niba andi majwi anyuranyije n'Ijwi ry'Imana, ubwo rigomba kuba ari ijwi ry'umwanzi wacu, ryo kutuvangira, ngo tutunva Ijwi ry'Imana igihe rivuze.

²⁹ Kandi turabona ko ari ikintu gisa neza neza n'ibyo kwa Eli na Samweli, ariko Eli yahise amenya ko ari Imana. Kandi rwose byari u—ugutuka Imana kuri Eli. Kubera ko, Ijwi ry'Imana, ryavuganye na Samweli, rimubwira amakosa ya Eli, kuko yari yarabyaye abahungu be, kandi bafata amafaranga kandi ni—n'inyama biva mu maturo. Ntabwo byari byiza. Kandi bakoraga ibintu bibi, binyuranyije n'Ijambo ry'Imana.

³⁰ Kandi Samweli na we yari afite... ikintu kimwe gusa Samweli yashoboraga gukora, cyari ukuvugisha ukuri. Kandi yanze gato kubikora, kuko byari binyuranye n'aho yoherejwe ngo arererwe, Eli no mu rusengeru. Eli aravuga ati: "Vuga." Murareba? Amubwira neza ibigiye kuba, ko Samweli... cyangwa, "Umunsi wa Eli warangiye, nk'umutambyi," kuko Imana yari yavuze, kandi Imana yoherezaga Ubutumwa Bwayo ibinyujije kuri Samweli umuhanuzi. Kubyara bidasanze, byeguriwe Uwiteka kuva k'umwana. Imana yavuganye na we,

nk'umwana, kandi imutegurira umurimo uzaba imbere ye. Igihe cya Eli cyari kirangiye.

³¹ Hariho amajwi menshi hano ku isi, icyo ni ikintu gikomeye rwose, kuko kibangamira Ijwi ry'Icyindengakamere. Hariho amajwi menshi y'ubwenge, amajwi akomeye y'abagabo bakomeye b'abanyabwenge, ko, mu rwego rw'ubwenge bwabo, ndetse banyeganyeza amahanga. Ntabwo ari abantu barara ijoro, ahubwo banyeganyeza amahanga, bazana imiryango ikomeye, ubukangurambaga bukomeye, bitangaje. Maze bigatera umuntu urujijo. Birahagije kubashyira mu rujijo, uburyo ibyo bintu bigenda kandi bigakomeza gutera imbere. Kandi hariho amajwi arimo gu-guhaguruka no gukora ibi bintu, kandi bitera Ijwi ry'Imana gushyirwa ku ruhande ahantu runaka, Ijwi ry'Imana ry'ukuri.

³² "N'ijwi ry'Imana," baravuga bati: "tuzabwirwa n'iki ko ari Ijwi ry'Imana?" Kuberako, uyu muni... Noneho byari mu muhanuzi wahamirijwe. Noneho, uyu muni, uko tuzi ko ari Ijwi ry'Imana, kuko ari ukugaragara kw'Ijambo ry'umuhanuzi. *Uyu* ni umuhanuzi w'Imana. Kandi Ijwi ry'ukuri ry'Imana rigarura gusa iyo Mana nyayo, nzima, Imana y'Indengakamere, hamwe n'Ijambo Ryayo ry'Indengakamere, hamwe no kwigaragaza kw'Indengakamere kw'Ijambo ry'Ukuri. Noneho tumenye ko ari Ijwi ry'Imana. Kubera ko, hamwe n'indengaka-... Hariho ibindi byinshi mubindi bice byo hanze, byenda kugwa yo. Ariko, ibuka, Bizakayangana, Bizasobanuka! Bizabikora.

³³ Ubu, hari ijwi muri iki gihe mu isi ya politiki. Iryo ni ijwi ryiza. Kandi abantu, rwose, muri iyi minsi ikomeye ya politiki, baza... Byose bazabivanga byose n'ibyo mu itorerero. Kandi inshuro nyinshi, tumaze kubona vuba aha, ko ijwi rya politiki rikomeye kuruta Ijwi ry'Imana mu matorero, cyangwa Abanyamerika ntibari gukora ibyo bakoze gusa. Murabona? Ntabwo bari barigeze kubikora. Niba Ijwi ry'Imana ryarakomeje kuba rizima mu itorerero, ntabwo bigeze bakora ayo makosa. Ariko ijwi rya politiki rirakomeye cyane kw'isi muri iki gihe kuruta Ijwi ry'Imana, kugeza ubwo abantu bagurishije uburenganzira bwabo bwa Gikristo kubera akajagari ko kuba ibyamamare, amashuri bize, n'imbaraga za politiki. Biteye isoni kubibona. Ikintu nyine cyakozwe n'igihugu cyacu, icyo cyakozwe, abantu basubiye inyuma rwose kandi—tugatora mu bintu byasizwe n'ikindi gihugu. Kandi—n'Urutare rwa Plymouth, na *Mayflower* hamwe nabo, baza hano maze—maze bagashyiraho imikorere y'ubu bukungu bukomeye dufite. Ni cyo kintu ubwacyo twarwanye na cyo cyane kugirango dusohoke, twisubije inyuma ubwacu tukigwamo, kuko ni ko Bibiliya ivuga ko ari ko bizagenda.

³⁴ Na gahunda ya Eli: umutambyi aho kuba umuhanuzi. Umuhanuzi ni Ijambo. Kandi umutambyi yari itorerero.

35 Kandi byageze ahantu nk’aho kugeza bitangiye gucika intege ku buryo Ijambo ari irinyamahanga ku bantu. Ntibabona. Noneho ushobora Kubivuga, kandi ntibabyumva, kuko ntabwo babitojwe. Pawulo ati: “Niba impanda irangurura ijwi ritazwi, ninde uzamenya kwitegura urugamba?”

36 Abantu bahuguwe ku i—i—ijwi ry’itorero, impanda y’itorero, “Twabonye byinshi mw’ishuri ryacu ryo ku Cyumweru kurenza abandi.” Ibyo ntacyo bisobanuye. “Twabonye byinshi mu madini yacu kuruta ibyo abandi bose babonye. Turi inararibonye mu yandi madini.” Murareba, iryo ni ryo jwi abantu batozwa. Mu mihanda, barasohoka bajya gushaka abantu no kubazana. Inshuro ibihumbi icumi gukuba igihumbi mu bukangurambaga bukomeye, mubazane. Ni iki kibashishikaje? “Twabonye urusengeru rurinini. Twabonye amateraniro manini. Twabonye ishuri ryo ku cyumweru rifite abantu benshi. Twabonye umuyobozi w’umujyi nawe aje mu rusengeru rwacu.” Ibyo bishobora kuba byiza byose, ariko niba iryo torero rimwe ritatojwe Ijwi ry’Imana, Impanda y’Ubutumwa bwiza, ubwiza bwaryo bwaba bumaze iki?

37 Kandi iyo ikintu kizamutse nkuko cyazamutse muri guverinoma yacu, byagenze bite? Itorero ntabwo ryamenye Ijwi ry’Impanda, kandi ntibigeze bamenya icyo gukora. Isezerano rikomeye ry’iterambere, igihangame mu by’ubwenge kijemo, nuko banyura hejuru y’ibintu Bibiliya yahanuye, barabizana. Ngiryo, ijwi rya politiki! Kandi byerekanaga ko byarenze Ijwi ry’amadini, cyangwa se ntibari gukora nk’ibyo bakoze, Ijwi ry’Iyobokamana. Kuberako twasezeranijwe ibintu byinshi, twasezeranijwe gutera imbere, kandi ntagushidikanya ko tuzabibona.

38 Ariko, biracyaza, ibyo ntacyo bivuze kubizera. Hindukira mu Gitabo cy’Abaheburayo, ku gice cya 11, umva uko Pawulo mutagatifu avuga, uko bizaba bimeze, muri iyi minsi, “Kuzerera mu ruhu rw’intama no mu mpu z’ihene, ari umukene, ntabwo ari ahantu, ntiyashoboraga kwinjira mu mujyi.”

39 Nasomaga ibyo mu Nama y’i Nicaea, igihe ibibazo bikomeye byahakurukaga i Nicaea, Roma, imyaka magana atatu nyuma y’urupfu rwa Kristo, mu Nama Nkuru y’i Nikeya, igihe itorero rikomeye ryahagarariraga icyiza, bashakaga Bibiliya. Kandi Abaroma bahinduye itorero rya mbere ry’i Roma bari binjijemo imihango, bavuga, nk’urugero, nka Noheri.

40 Noheri, Kristo ntiyigeze avuka ku munsi wa makumyabiri na gatanu w’u—Ukubozwa nk’uko mbizi. Kubera iki, imisozi y’i Yudaya yariho urubura, kandi We... byababwira bitandukanye n’ubuhanuzi bwose bwa Bibiliya. Yavutse hari imicyo, nk’uko abana b’intama bose bavutse. Kuki yavukiye mu kiraro aho kuvukira mu nzu? Yari Umwagazi w’intama. Kuki Atirutse gusa ku gicaniro cyangwa ku gicaniro Cy’e aho bari bamubambye,

ku musaraba? Yari amanitse ku musaraba. Mwayoboye intama kw'ibagiro. Yari Umwagazi w'intama. Kandi yavutse igihe abana b'intama bavukiraga.

⁴¹ Ariko, urabona, gukora ibyo, bagize isabukuru y'imana-izuba, iyo, kuri migendekere y'izuba, i—izuba mu minsi itanu kuva tariki ya makumyabiri kugeza ku ya makumyabiri na gatanu z'Ukuboza, hari ukugenda gahoro bikabije, kw'izuba. Ri—rihindagurika buhorobuhoro buri muni, rikamara igihe kirekire kurushaho kugeza ubwo iminsi yo muri Nyakanga isumbya amasaha indi minsi. Hanyuma, mu Kuboza, iminsi ikagira amasaha makeya kurusha indi. Hanyuma icyo gihe gito cyo kw'itariki ya makumyabiri na gatanu, kuva tariki ya makumyabiri kugeza ku ya makumyabiri na gatanu, bagiraga sirusi y'Abaromani no kwizihiza isabukuru y'imana-zuba. Noneho Jupiter, iyari imana y'Abaromani, hanyuma barayikurura, icyo gihe baravuga bati: “Tuzajya dufata isabukuru y'Umwana w'Imana n'iy'imana-zuba, tubihurize hamwe kugirango ibyo birori byiza tubyizihirize umunsi umwe.” Ibyo birahabanye! Kandi, yewe, barabijombye barabibabaza!

⁴² Noneho hari abagabo nyabo b'Imana bifuzaga kugumana n'Ijambo, nka Poligaripo, Irene, Maritini, abo bagabo bakomeye, bejejwe bifuzaga kugumana n'Ukuri...Kandi ubwo habaga Inama y'i Nikeya, bamwe muri abo bagabo bangiwe kuyizamo kugeza igihe abahanuzi baziye baturutse mu butayu nta kindi bitwaje uretse uruhu rw'intama, kugira ngo bicare muri iyo nama. Ariko bari bazi Ijambo ry'Umwami. Ariko kubera gushaka ibyubahiro, iminsi cumi n'itanu ya politiki y'amaraso, nuko barwanya Ijambo ry'abahanuzi. Icyo gihe habayeho imyaka igihumbi y'umwijima, reba.

⁴³ Ariko Imana yasezeraniye ko Impanda izongera kumvikana. Buri gihe abantu bumva Ijwi ryukuri ry'Ijambo, buri gihe basuzuma ibyo ukora ukoresheje Ijambo.

⁴⁴ Ijwi rya politiki. Natwe twebwe muri Amerika ndetse no kw'isi yose, dufite ijwi ryumvikana cyane uyu muni, iryo jwi ni irya Hollywood. Ryasakaye kw'isi. Reka umuntu asohoke muri Hollywood afite ikintu runaka, uragisanga mu gihugu cyose. Noneho, tubona abagore bacu barabagize icyitegererezo, ku myambarire yabo, insokozo y'imisatsi yabo. Bashyizeho iyo myambarire.

⁴⁵ Itorero rigomba kumenya icyo Ijwi ry'Impanda y'Imana rivuga kuri ibyo! Ariko hariho urujijo rwinshi kuko ubona abandi babikora, ukabafatiraho ingero. Wowe ubwawe ntuzigere wigana urugero nk'urwo, kuko ruzakurimbura. Buri gihe ujye wumva Ijwi ry'Imana, icyo ribivugaho.

⁴⁶ Kandi iyo tubona, i Hollywood, bazamura ibintu. Reka ngire icyo mbivugaho rero mbere y'uko dukomeza. Hariho i—ikintu gihurutse gusohoka vuba aha, ko hari u—umugabo

muri Hollywood. . . Nta kintu kirwanya umugabo ubungubu, ni umuntu buntu Kristo yapfiriye, ariko nagirango nkwereke gusa. Bahimbye ikintu gito cyitwa, abana bakoresha, bita “hula-hoop,” hula-hoop, cyangwa ikintu runaka. Niba kandi warigeze ubona ibintu biteye isoni n’ingaruka zabyo, ibyo, biri mu bana bato. Ntabwo ari byo.

⁴⁷ Ubu, Hollywood yuzuye a—abarwanisha imbunda. Noneho, umuntu wese uzi amateka, azi ko ari abantu basubiyeyo mu minsi yabo, abo bari abarwanisha imbunda nka ababagenzi bacu batandukanye, ntabwo bari abaturage biyubashye, bari abigometse, bameze nka Al Capone na Dillinger. Bari bafite umukino wa Hollywood bitaga, kuri—kuri televiziyo, bawitaga, “Imbunda inywa itabi.” Numvise kuri *Monitor*, ejobundi, mugenzi wanjye akina uwo mukino, Arness cyangwa ikindi kintu, cyangwa Arness, cyangwa nibagiwe izina rye, kandi agomba gufata. . . Ahagarariye Matt Dillon wari umugenzacyaha muri Kansas. Kandi Matt Dillon yari umuhondo nk’urukwavu. Yarashe abagabo makumyabiri n’umunani abaturutse inyuma, inzirikarengane, asohoka hanze ya Dodge City abategerereza mu gihuru. Kandi iyo umugabo yazaga amusanga, hari umuntu wamuhamagaraga akamumenyesha ko hari umugome runaka urimomo kuza, noneho akaguma aho, ubwo umugabo yaza, akamura amuturutse inyuma. Noneho dusanze ari “umusore” urimo kugwa. Kubera iki, ni—ni uguhimbaza icyaha rwose. Ariko abana bato b’igihugu cyacu bashobora kukubwira byinshi kuri Matt Dillon kuruta uko bashobora kukubwira ibya Yesu Kristo. A—a—amaduka, amaduka igihumbi, arimo n’ishami ryimyenda, hamanitse n’udufuka duto—duto tujyamo imbunda, hamwe n’ingofero ntoya—ushobora kugura n’ahantu hose. Ni byiza kwambara ibyo, ariko ndi—ndakubwira gusa, urabona. Hanyuma ba—ba, isi y’ubucuruzi, bafata icyo kintu bagakuramo amamiliyoni y’amadorari.

⁴⁸ Dufite icyo twita “Umunsi wa Mutagatifu. Patirike,” dufite ibyo twita “iminsi mikuru y’abanyamadini.” Kandi isi y’ubacuruzi yarayifashishije maze bakinjiza amamiliyoni y’amadorari. “Umunsi w’ababyeyi,” ipaki y’indabyo. Kubera iki, buri munsi ugomba kuba umunsi w’icyubahiro ku babyeyi. Ari ahantu runaka, arashaje, jya kumureba. Ibyo bizaba bifite agaciro kurusha indabyo zose ushobora kumwoherereza, cyangwa ikindi kintu cyose. Reba, ariko bararifata. Ni ijwi, kandi—kandi turabyemeranyaho neza. Mu by’ukuri ntabwo ari byo. Ariko mugiyeye gukora iki? Reba, turi—turi gusa. . .

⁴⁹ Ndagerageza kugera ku ngingo aho ndibubabwire ikintu runaka, icyo nyewe ni—nizera. Ijwi ridasanzwe, Ijwi ry’Imana.

⁵⁰ Noneho, dusanze barashyizeho umuvuduko. Wigeze ubibona? Abahungu bacu bato babaye “Ricky” na “Elvis.” Wabonye umwana witwa ngo, wabihinduye vuba akitwa

numero “ya mbere” cyangwa “ya kabiri,” cyangwa ikindi kintu. Ntubikore, ibyo biteye ubwoba. . . Uravuze uti: “Iryo tandukaniro ry’izina risobanura iki?” Kuki, byanze bikunze, hari icyo bivuze. Izina ryawe riranga imyitwarire y’ubuzima bwawe. “Noneho, mene Data Branham, uri ku buzima bw’imyitwarire y’abantu.” Oya si byo! Ndi kuri UKU NI KO UWITEKA AVUZE! Kuki byabaye igihe Yakobo, yabayeho mu mibereho y’izina rye, nka—nk’umuriganya, ufata umwanya utari uwe, Yakobo. Kandi igihe Imana yamuhinduraga, yamuhinduriye n’izina. Imana yahinduye izina Sawuli rihinduka Pawulo, Simoni ahinduka Petero. Rwose, bifite ikintu runaka. Kandi Ricky na Elvis, n’andi mazina nk’ayo, ni izina rigezweho ry’abanyamerika rishora umwana mu bintu nk’ibyo. Murabona icyo nshaka kuvuga?

⁵¹ Noneho, ndizera ko ntabikora. . . Ni byiza ko nsubira inyuma maze nkagera hano k’umusozo, (urabona icyo nshaka kuvuga?) ibyo mugomba kubyumva. Ariko ibi bintu byose ntibishobora kumvwa n’umuntu uwo ari we wese. Ntibabishyikira, kuko babonye inzira imwe. Ibyo batega amatwi byose, ni ayo majwi.

⁵² Hano hari ijwi ry’abahanga mu bya filozofiya, Abakomunisiti, basezeranya ikintu runaka ariko ntibagisohoze. Kandi nyamara igice kinini cy’abanyamerika bijanditse mu gikomunisime. Noneho, nabaye mu gikomunisimu, mu turere twa gikomunisimu, aho, mu Budage, mu burasirazuba bwa Berlin. Bafite amazu manini manini yo kwerekana hanze. Ugomba kugendera imbere muri yo, ntan’ubwo yubatswe ngo arangire. Ni ubukungu bw’ibinyoma, bagerageza guhatiriza ikintu.

⁵³ Kandi, mu Burusiya, aho Abakomunisiti bavukiye. . . Ninde, mu myaka myinshi ishize, ubwo nari umubwiriza w’umuhungu gusa, ni ko navuga hashize imyaka mironko itatu n’itatu, ubwo Nazisimu, Fashisimu, Ubukomunisiti bwiyongeraga, naravuze nti, “Ndavuga mu Izina ry’Uwiteka! Bose bazahurira mu gikomunisiti.” Ariko, hari ubwo wigeze utekereza, Imana yadusigiye inzira, niba twayifataga gusa. Hariho igice kimwe gusa cy’u Burusiya ari cyo gikomunisiti, kimwe ku ijana, ariko ni bo bagenzura ijanisha. Ijanisha rya Gikomunisiti. . . kimwe ku ijana by’Uburusiya ni Abakomunisiti, ahubwo, bagenzura.

⁵⁴ Kandi ikintu kimwe, ahantu nka Hollywood, ariko nyine barayobora.

⁵⁵ Hafi ya kimwe cya gatatu cyangwa bibiri bya gatatu by’abatuye ba Leta Zunze Ubumwe z’Amerika bajya mu rusengero, kandi ni abayoboke b’itorero, ariko bagenzura muri ayo madini.

⁵⁶ Icyo Ubukomunisiti bukeneye hariya ni Ijwi ry’Imana rihagurukira muri bo, kandi Byabatera isoni.

⁵⁷ Muri Finilande, ubwo wa mwana muto yazukaga mu bapfuye uwo munsu, kandi banzanye kare kare, aho uyu mwana muto

yazuwe, mu bapfuye; Abasirikare b'Abakomunisiti, Abarusiya, bari bahagaze aho hamwe n'indamutso y'Uburusiya, n'amarira atemba ku matama. Bavuga bati, "Tuzakira Imana ishobora kuzura abapfuye." Ni uburangare bwa kiliziya gatolika n'itorero ry'abaluteriyani, n'aya madini yose, kandi bafata amafaranga yose, bakubaka amashyirahamwe, kandi ntacyo baha abaturage. Babaho nk'abandi bantu bose. Hariho . . .

⁵⁸ icyo Uburusiya bukeneye ni umuhanuzi uzamuka ahabona afite Ijambo ry'Uwiteka, rishobora—rishobora gucecekesha. icyo gihe mirongo cyenda ku ijana izagerwaho.

⁵⁹ icyo Amerika ikeneye ni Ijwi ry'umuhanuzi w'Imana, ushobora guhaguruka akamagana Hollywood, kandi akamagana ibyo bintu mw'Izina rya Yesu Kristo, kandi Itorero ry'Umwuka Wera rizahaguruka. Urujijo rwinshi, murebe, amajwi menshi atandukanye yo Kurirwanya.

⁶⁰ Itorero, ijwi ryaryo, buri wese ashaka abayoboke benshi. Umubatisita arashaka byose, Metodisiti irashaka byose, Peresibiteriyeni. Twese ibi turabifite. Kandi abagatolika basa nkaho bagiye kubifata byose, kandi bazabikora. Ni byo rwose Ijwi ry'Imana muri iyi Bibiliya. Bazategeka.

⁶¹ Ariko Imana Isuma byose amaherezo izategeka. Abera bazategeka, umunsi umwe, Bibiliya yarabivuze. Bazategeka.

⁶² Amajwi menshi ateye ubwoba! Noneho hari ijwi ry'umuhanuzi w'ibinyoma. Ni ijwi riteye ubwoba, umuntu wiyita umuhanuzi. Birumvikana ko umuhanuzi ari umubwiriza. Ijambo ry'ubu "umuhanuzi" bisobanura rwose "umugabo uvuga aranguruye ari muni yo guhumekerwa." Hariho umuntu uhari wiyita umuhanuzi, kandi agahakana Ijambo ry'Imana, ahakana Ukuri kw'Imana. Hariho amajwi menshi!

⁶³ Mu kanya gato, hari mene Data uri hanze wanyoboye aho ninjirira hano, ariko na . . . tekerezaga ko yibajije impamvu nagiyeye mu muhanda ngahindikira nkagaruka. Niba uri hano, mwene Data, hari ikintu nari nteze amatwi, ni ikijyanye n'incuti zacu—zacu z'abirabura, bafite uruhu rwirabura. Babonye urusengero hano, barwita, "Eliya Mohammed," cyangwa ikindi nk'icyo, "umusore Eliya Mohammed." Kuzamura ijwi, hanyuma ukavuga ko ari ijwi ibyoye bigiye kuzana ubwoko—ubwoko w'abantu b'amabara avuye muri ako kagari. Ibyo, murabibona, ikintu nyine, a—abayisilamu babo—babo bari hano, Umusigiti wabo. Kuberiki, ntubona, ayo ni yo makuru afatika y'ibyo bintu, ntibisobanutse!

⁶⁴ Abantu bafite uruhu rw'ibara, neza kimwe n'abazungu, abirabura, n'abafite urw'umuhondo, ntabwo dusubiye kuri Mo . . . dusubiye kuri Mohamedisimu, ahubwo tugaruke kuri Kristo, amahame nyayo Bibiliya yigisha. Mohammedanism irwanya Ijambo. Noneho, nagize amahirwe yo kuyobora abizera Mohamadi ibihumbi icumi kuri Kristo igihe kimwe i

Durban, muri Afrika y'Epfo. Nta kindi itanga uretse ubumenyi nyamuntu. Kandi ubumenyi nyamuntu ni bwiza mu gihe cyose budahakana Ijambo. Ariko icyo ubumenyi nyamuntu buhakana Ijambo, icyo gihe buba bwibeshye. Butanga ijwi ritazwi. Hariho ko, ibintu byose bizahita ariko ngo Ijambo ry'Imana, Yesu yarabivuze ati: "Ijuru n'isi bizashira, ariko Ijambo ryanjye ntirizashira." Noneho, urabona tugomba kugumana n'ijambo, Ijwi.

⁶⁵ Benshi rero bitiranya ibintu! Abantu barahaguruka, ntibazi Ijambo, kandi bakavuga ibintu, bishoboka ko byumvikana neza. Ubukomunisiti ni ikintu cyumvikana cyane, "Abantu bose ni bamwe. Nta ba capitalisiti bakibaho, bose ni Abakomunisiti." Wigeze ucogora gutekereza ko ibyo ari ububyutse bw'ibinyoma, ni Ubukomunisiti? Mbese ni he yabigereranije? Yesu... Yesu yaravuze ati: "Imyuka yombi yaba yegeranye cyane, yayobya n'Intore niba bishoboka." Kandi ikintu cyose satani yagezeho, ni ukugoreka ibyo Imana yaremye. icyaha ni—ni ugukiranuka kugoretse. Ikinoyama ni ukuri kwerekanwe nabi. Ubusambanyi ni—ni, igikorwa Imana yadutegetse, kigoretse. Ukutizera kwose ni uguhindura imyizerere. Ugomba guhakana Ukuri kugirango ufate I—ibigoretse. Reba, gorora aya majwi, maze uyageragereshe Ijambo urebe niba ari Ukuri.

⁶⁶ Yoo, burya dushobora gukomeza kandi, kuri aya majwi y'uyu muni, ariko igihe cyacu kiradushiranye. Ariko, amajwi ni menshi kuburyo abantu batazi icyo gukora. Abametodisite amaherezo bazumva umubwiriza w'Ababatisita, bazajya hakurya, bagumeyo igihe gito hanyuma basange Abaluteriyani. Kandi muri pentekote, bafite amatsinda atandukanye, umwe aziruka kuri mugenzi we, undi na we ku wundi, hanyuma basubire inyuma. Ibyo byerekana ko udahagaze neza. Tega amatwi Ijwi Rye! Riri hano, ryanditse ku mpapuro, Ijwi, Ijwi rizahamirizwa niba ari Ukuri.

⁶⁷ Isi y'itorero ntabwo izi icyo gukora, isi ya politiki iri mu kajagari. Ibintu byose bisa nkaho biri mu kajagari. Bagenzi mwiruka muva hano, hari ikintu runaka kinzamura, ijaketi, ikote. Igihe nari i Roma, bari bafite imisumari cumi n'icyenda itandukanye yemejwe ko yatewe mu maboko ya Yesu; kandi yari itatu gusa, ariko nyamara bo bari bafite inyandiko zerekana imisumari cumi n'icyenda. Noneho se, ni irihe tandukaniro ririmo ribatandukanya n'uware ufite umusumari? Kristo ntabwo yigeze adusigira imisumari ngo dusenge, Yadusigiye Umwuka Wera, kubw'Ijambo Rye! "Dore bimenyetso bizagendana n'abizera ngibi, bazagira umusumari umwimerere?" "Bazagira... Ibi bimenyetso bizaherekeza abizera, bizaba muby'idini natangiye?" Nta na kimwe yatangiye. Murabona uburyo ijwi ritandukanye?

⁶⁸ Ariko, "Dore Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera: Mu Izina ryanjye bazirukana abadayimoni." Hano hari Ijambo.

“Bazavuga indimi nshya; bazafata inzoka, ntacyo zizabatwara. Nibanywa ibintu byica, ntacyo bizabatwara. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.” Kandi urareba ibi bintu wongeyeho n’ibindi Byanditswe byose hamwe.

⁶⁹ Noneho, ibyo byonyine ntibizahamiriza, ntabwo ari byo rwose. Hariho aho twe abapentekote tunyura mu muhanda utari wo. Ntabwo Yesu yavuze ngo: “Kuri uwo muni beshi bazaza aho Ndi, bavuga bati: ‘Mwami, ntabwo nakoze ibitangaza bikomeye mw’Izina Ryawe? Sinigeze guhanura mu Izina Ryawe? Sinakoze ibi byose mu Izina Ryawe?’” Yesu azabasubiza ati: “Mva iruhande rwanjye, wa nkoziny’ibibi we, sinigeze kukumenya.” Urabona, bashiki banjye namwe bene Data, kuki namaganye cyane kandi ngashinja iki gisekuruza? Urashobora kuvuga ururimi nk’abantu n’Abamalayika, urashobora kubyina mu Mwuka hirya no hino mu itorero, ibyo ntaho bihuriye na Byo.

⁷⁰ Nabonye aba Mohammedans babyina batyo hirya no hino. Numvise kwa muganga . . . mu nkambi y’abapfumu, nabonye abarizi bahaguruka bavuga mu indimi kandi barazisobanura, kandi bavuga neza neza ibigiye kuba, kandi birasohora. Nabonye n’ikaramu yazamuwe maze yandika mu ndimi zitazwi, kandi umwe gusa mu bari aho ni we washoboraga kubisoma, kandi yari iya satani. Ntushobora kwishingikiriza ku cyerekezo cy’Iteka mu byiyumvo byawe. Satani ashobora kwigana kimwe muri ibyo byiyumvo. Oya . . . Nukumenya Kristo, ikintu kigahinduka mu buzima bwawe. Reba ubuzima bwawe kandi ubushushanye n’Ijambo, urebe aho ugeze. Ni wigenzure, rwose.

⁷¹ Nubwo ibyo byose byiyitirira, amajwi y’ibinyoma, abahanuzi b’ibinyoma, hamwe n’ibindi bintu nk’ibyo byateye, Yesu aracyavuga, n’ubwo ibyo byose biriho, “Umuntu niyumva Ijwi Ryanjye ankurikire.” Ni Ijambo. Umva, inshingano Ye kuri twe uyu muni, muri aya majwi yose. Ninde, navuze ko bizatwara amasaha kuzana aya majwi yose. Kandi biteye urujijo ku bantu, n’ibintu bibabaje. Kandi, nyuma ya byose, ntabwo ubona amahirwe ya kabiri, wagize kuyifata nonaha. Ntushobora kubona amahirwe muri iri joro. Ntushobora kubona amahirwe ejo. Ubu ni! “Niwumva Ijwi Ryanjye, ntiwinangire umutima wawe, nko muminsi yubushotoranyi. Ubu ni cyo gihe. Iki ni cyo gihe cyemewe ko niba hari umuntu uzumva Ijwi Ryanjye.” Ibyo bigenda byerekana ko Ijwi Ryayo ryaba rikiriho hagati y’akajagari kose. Aracyafite Ijwi! Kubera iki? Ijwi rye rizahoraho. Dore ngiri, “Ijuru n’isi bizashira, ariko Ijwi Ryanjye ntirizashira,” Ijambo rye.

⁷² Reka dufate gusa, maze tuvuge, indi minota itanu, vuba. Ushobora, uraza kugumaho igihe kirekire, cyangwa iminota mike? Noneho, ndaza kwihuta. Reka dufate bamwe bumvise iri Jwi kandi bakaryumvira. Uburyo Ryatumye bakora, ibyo Ryabateye gukora. Noneho, ngiye gutambuka kuri byinshi mu—mu Byanditswe hano, gusa kugirango nkwereke neza neza:

uko Byahinduye ubuzima bwabo n'abari hafi yabo bose; uko bahinduka abantu dasobanutse, abo twita “abadasobanutse.” Umuntu wese wigeze kwizera Imana, yafatwaga nk'udasanzwe. Kuberako, niba uri mu byerekezo by'isi, haba hari ikintu kitagenda neza muri wowe. Kugirango ube Umukristo ugomba kuba udasobanutse. “Kubantu bose bubaha Imana muri Kristo Yesu bazatotezwa kw'isi. Yari mw'isi, kandi isi yaremwe na We, kandi isi ntiyari imuzi.” Twihute noneho, mutege amatwi turenda gusoza.

⁷³ Adamu yumvise Ijwi rye, mu mahumbezi yo k'umugoroba, maze asabana na We. Nta gucirwaho iteka kwa Adamu. Yumvise Ijwi ry'Imana, ati: “Data, ubu ndambaraye hasi ndaryamye.” Nuko araryama, na Eva ku kuboko kwe, intare, ingwe, n'inyamaswa zo mu gasozi zimuzengurutse, nta kibi, nta buryo bwo kurwara, nta buryo bwo kwibaza niba yazinduka mu gitondo, bagiye kubyuka. Adamu yumvise Ijwi rye mu buryo yagombaga kuryumvamo.

⁷⁴ Ariko umunsi umwe yumvise ijwi ry'umugore we. Ni byiza ko mba mbiretse mugihe gito. Ariko yumvise ijwi ritari ryo, nyamara ni umugore we, karuvati ye ya hafi yari afite ku isi. Kuki atabikoze, nka Yobu, ngo avuge ati: “Uravuga nk'umugore w'umupfapfa?” Niba ari ibyo, abantu bose bari kubaho aho gupfa. Yahinduye inzira y'abantu n'igihe. Ariko yumvise Ijwi ry'Imana, agirana ubusabane na yo, ariko arahindikira. . . Ni gute yamenye ko umugore we yibeshye? Wibuke neza ko, byari bishimishije.

⁷⁵ Turatekereza uyu munsi ko umuryango wacu, itorerero, twibwira ko iterambere ryacu uyu munsi ari Imana itwishimira. Birasa neza. Byasaga na hamwe Mikaya yahagaze imbere y'abahanuzi magana ane, igihugu cyose cyari icyabo, kandi Abafilisitiya bari bagituye, cyangwa, Abanyasiriya, basaga neza. Aba bahanuzi baravugaga ngo: “Sohoka hariya, ni ibyacu. Bifate!” Ariko ntabwo ryari Ijwi ry'Imana. Mikaya arahindikira, avuma ijwi. None se yamenye ate kubikora? Ni ukubera ko iyerekwa rye ryari rihuye neza n'Ijambo. Ni bwo buryo bwonyine bwo kubyizera no kubibona uyu munsi, bigomba kuba bihuye n'Ijambo.

⁷⁶ Noneho wabonye? Adamu amaze kumva irindi jwi ritari Ijwi ry'Imana, umugore we bwite. . . Kandi itorerero ririmo kumva ijwi ry'idini, ryinjizamo imihango aho kuba Ijambo, no kubareka bakabaho uko bashaka. Igihe cyose bagiye mu rusengeru bari kumwe n'umwe mu bagize itorerero runaka, n'ibyo biberamo gusa. Isano rya hafi abizera bafite ku isi, kuri bo, ni itorerero. Ariko uwizera, uwizera nyawe, isano ye ya hafi ni Umwuka Wera, ni Ijambo ry'Imana.

⁷⁷ Urasanga rero ko Adamu yamenye uko ameze, maze yumva Ijwi ry'Imana ryongeye guhamagara, icyo gihe yari mu mababi

y’umutini. Ariko ryari Ijwi ryo gucirwaho iteka rigira riti: “Kuki wakoze ibi?”

⁷⁸ Ndabaza niba Amerika muri iki gihe, cyangwa se isi mu mvururu z’amadini, ari ko iri, na Amerika irimo kumirwa, irimo kumirwa, hazabaho idini ry’igihugu vuba aha. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—UI.]

⁷⁹ Ni nde ubitegurs mbere yanjye? Nzi ko ari kaseti kandi ko izagera kw’isi yose. Dufite gahunda ya za kaseti, ko Ubutumwa buzasakazwa kw’isi yose, mu bihugu byose.

⁸⁰ Ariko, niba ushaka kubibona, witegereze amababi y’igiti cy’umutini. Iyo Ijwi nyakuri ry’Imana risohotse, ntibaba bazi icyo barikoraho. Biteye urujijo, ntibamenya icyo gukora.

⁸¹ Bidatinze, Nowa yumvise Ijwi ry’Imana. Yiteguraga kurokora ubuzima bwe, akurikiza amabwiriza kand ayahagararaho.

⁸² Niba umugabo yumvise Ijwi... Noneho tega amatwi, fata ubu butunzi nyabwo. Ntibugucike. Niba umuntu yumvise Ijwi ry’Ikintu, kandi niba Rihamijwe ko ari Ijwi ry’Imana, kandi riziye ku gihe, hanyuma ibyo biva ku muntu, ijuru n’isi bizashira ariko iryo Jambo ntirishobora gushira.

⁸³ Nowa yumviye Ijwi, hanyuma isi ayiciraho iteka. Baramusetse bamucira mu maso kuko u—Ubutumwa bwe ntibwahamanyaga n’ibyo bari bagezeho mu bwenge bwabo muri icyo gihe, ariko imvura yaraguye irimbura isi yose. Urabona? Ijwi Rye ryagezeyo, aho imbuto yari iri. Ni uko byagenze muri buri gisekuruza.

⁸⁴ Samuel, yagize ubwoba yumvise Ijwi ry’Imana, ko ari... genda ucireho iteka Eli, umugabo wari waramukujije. Umugabo wamubereye papa kandi yaramureze akamugaburira.

⁸⁵ Bakozi b’Imana bene Data, ese nabikora? Abakozi b’Imana, inshuro nyinshi, ku mpamvu z’imyizerere n’imigenzo yabo, ibyubahiro byabo biba mu mufuka, w’umubyeyi w’umugabo cyane, idini rikunzwe cyane ryabareze rikabagaburira rikabakuza rikabashyira mu mwanya mu rusengeru, kandi rikabashyira mw’itorero runaka, ugomba kwitondera ibyo bigisha. Urabona? Mbega ikintu giteye ubwoba kuba umugaragu nyakuri w’Imana yumva Ijwi ry’Imana kandi agomba gusubira muri iryo shyirahamwe ryamubyaye, vuga, “Uciriweho iteka kuko utakiriye iri Jambo.” Mbega ikintu!

Byari bigoye kuri Samweli. Ariko yari umuhanuzi, yagombaga kubikora. Byaba bigoye byaba bitagoye, uko byagenda kose yagombaga kubikora.

⁸⁶ Mose yumvise Ijwi ry’Imana. Mbere yari yuzuye tewolojiya. Yari azi ibyo *arimo* n’ibyo *atarimo*, ariko yaraneshejwe. Akimara kumva Ijwi ry’Imana, Mose ntiyakomeje kuba uko yari asanzwe.

87 Kandi nta muntu n'umwe wigeze aguma uko yari ari. Ugomba kuryuva mu matwi yawe—Ijwi rivuga, ariko iyo uryunvise mu mutima wawe, Ijwi rivuga, reba, noneho uraryumva. Nturibona n'amaso yawe. Urareba n'amaso yawe, ukabona n'umutima wawe. Urabona ikintu runaka, ukavuga uti: “Gusa sinkibibona,” ushatse kuvuga ko utacyumva. Ntiwumva n'amatwi yawe, urumva n'umutima wawe. Inshuro nyinshi amatwi yawe yumva Ijwi ryukuri ry'Imana, kandi riza muri wowe rimeze nk'ankamazi asuma. Ariko mu by'ukuri iyo wumva, wumvisha umutima wawe.

88 Kandi tewolojiya yose Mose yari afite, ntabwo yari yarigeze yumva Ijwi ry'Imana. Ariko umunsi umwe, Imana yahamagaye uyu mwungeri w'imyaka mirongo inani imushyira ku ruhande iramuvugisha, kandi afata ibyo abwiwe. Yagaragaje ko ari Imana. Ikintu cya mbere Yakoreye Mose, ni ugutsindishiriza Ijambo ryayo, “Ndamanutse, nibutse ibyo nasezeranije.”

89 Kandi ibi ni byo Yasezeranije mu minsi yanyuma. Yazamuye abantu bo mu Banyamahanga, ibaha amasezerano yose.

90 “Ibi narabisezeranije.” Ati, “Mose, kuramo inkweto zawe.” Mu yandi magambo, wubahe Ijambo. “Noneho naga inkoni yawe hasi.” Nuko i—inkoni yumye ivuye mu butayu ihinduka inzoka, maze Mose arayifata, irongera iba inkoni nk'uko yari imeze. Urabona? Yari azi ko ari Imana, kuko Imana yavuze, Ijambo ry'Imana, Ijambo yari irimo kuvuga, yaravuze ati: “Iyo nkoni ufashe mu biganza byawe yirambike hasi.” Iryo ni Ijambo ry'Imana. Ntugerageze gukora nk'ibyo, iryo Jambo ry'Imana si wowe ryamanukiye, iryo ni Ijambo ry'Imana ryamanukiye Mose. *Dore* Ijambo ry'Imana rikumanukiye! “Rambika hasi iyo nkoni yawe.” Yahise ihinduka inzoka. Aravuga ati: “Ubu ufite ubwoba? Yiterure ufashe ku murizo,” hanyuma isubira uko yari imeze. Ijambo ry'Imana kuri we. Yakoze iki? Imana yahamije Ijambo ryayo.

91 Hari umuntu wampamagaye hano hashize amezi make, hafi, yabaye, yewe, hashize hafi umwaka, hashize umwaka urenga. Umudamu muto muto ampamagara ku murongo wa telefone, hamwe n'umubwirizabutumwa w'Umubatisita n'umuvugabutumwa w'Umupenekosite. Yarambwiye ati: “Mwene Data Branham, Uwiteka yangize umuhanuzikazi.”

Ndamubwira nti: “Ni byiza.”

92 Aravuga ati: “Urabizi, nabwiwe ko wavuze ko u—wanditse uvuga ko yuko umurimo wanjye ari uw'Imana.”

93 Ariko, sinshobora gukora ibintu nk'ibyo, binyuranye n'Ijambo. Nuko ndavuga nti, “Mugore, iryo ni ikosa. Nta n'ubwo nkuzi.”

94 Kandi umubwiriza w'Ababatisita, naramwumvise, numvise n'umubwiriza w'abapentekosite. Yaravuze ngo, “Rero, mfite

amateraniro hano.” Ati: “Uwiteka arimo gukora ibintu bikomeye.”

⁹⁵ Ndavuga nti: “Ndabyishimiye.” Yaravuze ati... Naravuze nti: “Hari ikintu na kimwe Yari yakubwira?”

Aransubiza ati, “Yego, mfite gahunda ifatika mu biganza byanjye.”

⁹⁶ Naravuze nti: “Birahebuje.” Naravuze nti, “Ubu, gahunda yawe ni yihe?” Ndavuga nti, “Ni iki Uwiteka yakubwiye?”

⁹⁷ “Yaravuze ati: ‘Jya i Phoenix Arizona, kw’itariki *runaka-runaka*, hanyuma ngiye kuguha Uruganda rwa Zahabu rw’umugabo w’Umudage wabuze, kandi ugiye gufata iyo zahabu ubona muri ruriya ruganda maze ujye gutera inkunga abavugabutumwa kw’isi.’” Twese tuzi ko urwo Ruganda rw’Umudage wabuze ari umugani. “Uko ni ko yavuze.”

⁹⁸ Naravuze nti: “Ni byiza, nzakubwira uburyo bwo kumenya niba ari Imana cyangwa atari yo.” Naravuze nti: “Uwo muni uzajye. Nusanga Uruganda rw’Umudage wabuze ruhari, ubwo azaba ari Imana. Kandi nutahasanga Uruganda rw’Umudage wabuze, ubwo uzahite wihana kandi wirukane uwo mwuka wo kubeshya.” Ubwo ni bwo buryo bwo kumenya niba ari Imana cyangwa atari yo.

⁹⁹ Imana yaravuze iti: “Mose, rambika iyo nkoni hasi, izahinduka inzoka.” Yarabikoze. Yaravuze iti: “Yiterure irongera kuba inkoni.” Yarabikoze.

¹⁰⁰ Iyo Imana isezeranye umurimo muri iyi minsi yanyuma, Izabikora neza nk’uko yavuze uko Izabikora. Noneho uzi ko wumvise Ijwi nyaryo. Urimo gutega amatwi Ikintu nyacyo, kuko ari Ijambo ririmo risohora. Urabona? Yoo, gute... Mbabarira, njye... Byose ni byo.

¹⁰¹ Mose yakoze ibitandukanye. Reba icyo i—ikintu gisekeje Mose yakoze. Noneho, buri gihe iyo ukurikira Ijwi ry’Imana, uhinduka umwanzi, w’iby’isi. Bukeye, asanga Mose, hamwe n’umugore we bicaye ku ndogobe, akikiye umwana w’umuhungu, cyangwa akikiye uwo “mwana” aho mu majyepho, uko ni ko bari bameze. Uyu musaza ufite ubwanwa butendera *gutya*, n’umutwe we w’uruhara rubengerana, n’inkoni mu ntoki, ayobora indogobe ntoya, amanuka aho yerekeza muri Egipta agenda ariko bimugoye. Umuntu umwe aramubaza ati: “Mose, uragana?”

¹⁰² “Ndamanuka njya muri Egipta, kurangiza icyo kintu.” Kubera ko yari yarananiwe akiri umusore, yari yarananiwe nk’umusirikare, ariko hano yari yamanutse ngo abirangize. Kandi yarabikoze. Kubera iki? Yari yarumvise Ijwi ry’Imana kandi yabonye Ryigaragaje mu gihe cye; ku bintu byagombaga kubaho mu gihe cye, yarabibonye.

¹⁰³ Pawulo, witwaraga nk'Umufarisayo, yuzuye tewolojiya uko ashoboye, ariko umunsi umwe yumvise Ijwi ry'Imana. Yabonye Inkingi y'Umuriro, nuko amenya ko hariho ikintu runaka gitandukanye n'ibindi. Byahinduye ubuzima bwe. Nubwo habaho Abafarisayo cyangwa Aba Gamalieli, cyangwa ikindi kintu runaka cyasakuriza Paulo, "uribeshya, uribeshya," Pawulo yari yumvise Ijwi ry'Imana, kandi yamenye ko Ari Ukuri.

¹⁰⁴ Petero, umunyamadini uko ashoboye, yubahirizaga imigenzo y'abakuru, ntabwo yashoboraga kurya inyama. Oya, mugabo. Ntacyo yashoboraga kubikoraho na gato. Mu by'ukori yubahirizaga imigenzo y'abakuru, mu buryo bw'Ijambo. Byagenze bite? Umunsi umwe, yumvise Ijwi ry'Imana rivuga riti: "Ibyo ntukabyite ibisanzwe cyangwa ibihumanye, mu gihe nabihumanuye." Yari umuntu wahindutse. Yari yiteguye kujya ahantu hose Uwiteka yamutumye.

¹⁰⁵ Gufunga, ngomba kubivuga. Habayeho umugabo wigeze kuba umwizera. Yari amaze iminsi ine apfuye. Yari ari mu mva, anuka, yaraboze, ariko yumva Ijwi ry'Imana rivuga riti: "Lazaro, sohoka!" Niba kandi Ryarazuye umuntu nyuma yo gupfa no kubora, ni ki Ryakorera itorero itorero rigifite ubuzima muri ryo? Bikwiye kubazura, rikabakura mu gihirahiro cya ya majwi yose twavuze, idini, politiki, Hollywood, ubuhanuzi bwose bw'ibinyoma n'ibintu bijyanye nabyo. Hagati y'ibyo byose, Ijwi ryukuri ry'Imana rizahamagara umuntu, wapfuye mu byaha agahambwa, kongera akazuka akaba muzima. Rigomba gufata itorero ryasubiye inyuma rikarihamagara rigasubirana ubuzima. Nabihamya!

¹⁰⁶ Ibuka, mu gusoza, ndavuga ibi, hanyuma nsoze. Yesu yaravuze ati: "Igihe kizagera, ubwo ibyari mu mva byose bizumva Ijwi ry'Imana." Kandi mugiyeye kuzaryumva. Ubuzima muzaba murimo uko buzaba bumeze kose, mugiyeye kuzaryumva uko bizagenda kose. Kandi bamwe muri bo bazasohoka uko bituro, bacirweho iteka. Bumva Ijwi, ariko bakaryamagana. Kandi nimuryumva uyu munsi, "Uyu munsi, nyuma y'igihe kirekire cyane, nimwumva Ijwi Ryanjye, ntimunangire imitima yanyu, nk'uko mwabigenje mu minsi yubushotoranyi." Niba kandi mwebwe, abayoboze ba penekosite bongeye kwishyira hamwe mu migenzo, muri gahnda y'isi, "kugira ishusho yo kutubaha Imana no guhakana Imbaraga zayo," ugomba kubanza ugaca mu muzuko kugirango ucirweho iteka, kuko Ijwi ry'Imana rivugana nawe ubu binyuze mu Ijambo rizaguciraho iteka kuri uwo munsi.

¹⁰⁷ Niba uri umwizera w'akazuyazi, Ijwi ry'Imana riratakira mu mutima wawe muri iki gitondo, "Uri umwizera w'akazuyazi," byaba byiza wihanyye!

¹⁰⁸ Mwa bagabo mwe, abagore, abahungu cyangwa abakobwa, mutariho kubwa Kristo, kandi Ijwi ry'Imana rivugana nawe

binyuze mu Ijambo Ryayo rikakubwira riti: “Reka gukora ibyo,” ni byiza kuryumvira. Kubera ko umunsi umwe wazongera ukaryuma, rikaguciraho iteka. Ntushobora kuryihakana, Muri aka kanya riravugana nawe. Kandi, ibuka, ririmo kwandikwa kuri kaseti.

¹⁰⁹ Kandi abo bakiranuka kandi bakumva Ijwi rye, bazazukira mu bwiza, mu Cyubahiro, mw’Ijuru.

¹¹⁰ Ugiye rero kumva Ijwi ry’Imana igihe runaka. Ahari riravugira mu mutima wawe ubudacogora, rikubwira ko ugomba kuva mu nzira urimo, ugasubira ku Mana. Noneho, ibuka, mw’Ijuru, bazafata Ijwi rivugira mu mutima wawe. Kandi umunsi umwe ubwo Yesu azahamagara, n’abo bose bari mu gituro, bose, intungane n’abakiranirwa, bazazuka. Hanyuma rya Jwi rimwe ryongorera rikakugarukaho, “i Phoenix, muri Arizona, mu gitondo *kimwe* cyo ku cyumweru, iyo umubwiriza abagumanye igihe kirekire, avugira ku Ijwi, narababwiye; narababwiye mwebwe bagore ngo mureke imisatsi yanyu ikure, mureke kwiya mbika ubusa; narababwiye mwebwe abagabo kureka ibyo kubeshya, kunywa itabi; narababwiye mwebwe ababwiriza gusubira ku rufatiro rw’Ijambo ry’Imana.” Murabona icyo nshaka kuvuga? Ibyo ni byo.

Rya Jwi riracyavuga, “Bishobora kuba ari byo.”

¹¹¹ Iyo nza kuza nk’uko Nikodemu yaje, nagombaga gukomeza nkagerageza kugerayo. Nari kumusanga, nkaza hano mu butayu nkajya ahantu runaka maze nkavuga nti: “Mwami Mana, ndi hano, mpindura nonaha. Mbumba mu buryo bwawe.” Garuka ku Ijambo ryawe. Ahantu hose ubona waragiye kure y’Ijambo, garuka urisubireho, kuberako uruteranirizo rw’umurunga ari rwo ruwaha imbaraga. Kandi ahantu hose mu buzima bwawe waretse itegeko ry’Imana, kugirango ukorere imigenzo, aho ni ho umurunga wawe uzacikira nubwo waba ushikanye mu bindi bintu. Fata ukuboko kw’Imana kudahinduka ugukomeze.

¹¹² Mureke dusenge. Uyu munsi, nyuma y’igihe kinini cyane, Mwami, Wavuze ko Uzavuga, Wakwandika amategeko yawe ku ndiba y’imitima. Sinzi ikiri imbere yanjye. Ikintu cyonyine nshoboye gukora ni ugufata Ijambo ryawe nkarisakaza hose, nta gushidikanya rizanyeganyeze urutare ahantu runaka. Ndagusabye, Mana, ngo uze kuvugisha abantu bato bose, abantu bose b’imyaka y’ubusore, abashaje, abo ari bo bose. Vugana n’umutima wanjye, Mwami. Vugana n’imitima y’aba bavugabutumwa. Vugana n’umutima w’iri teraniro.

¹¹³ Turagusabye, Data, ngo uyu munsi twumve Ijwi ryawe. Kandi turabizi, nk’uko byari bimeze mu gihe cya Samweli, iyerekwa rifunguye ni kintu kidasanzwe, kandi cyatangaje abantu. Ni ko bimeze no muri iki gihe. Dufite inzozo n’abazisobanura, dufite abavuga n’abasemura, ariko iyerekwa rifunguye risohokana n’Ijambo ry’Umwami, kandi rikosorwa . . .

Turagusabye, Data wo mu Ijuru, ngo Ijwi ryarangururiraga mu butayu, “Mutegure inzira y’Uwiteka,” ko twizera ko Umwuka Wera yongera kumvikanisha rya Jwi uyu muni, “Mwitegure ukuza k’Uwiteka!” Kandi burya ntibisanzwe, kubera ko hariho andi majwi menshi yo kwintangira no kutaryumvira, ariko ni ubuntu mu matwi y’abaryumvira. Ndagusabye ngo Umwuka Wera noneho akore umurimo mu mitima yacu twese.

¹¹⁴ Kandi mu gihe twunamishije imitwe, kandi ndizera ko n’imitima yacu iciye bugufi: Niba uzi ko hari ahantu runaka utakiranutse mu buzima bwawe, menya ko Ibyanditswe bimwe, ibyo uzi Bibiliya yigisha ko utigeze ubigenderamo, kuko ikintu, ijwi rya Hollywood ryatumye ukora ikindi kintu gitandukanye. Ahantu hamwe mwebwe bavugabutumwa mwabonye umurongo muri Bibiliya, ubu bikaba ari Ukuri, ariko muzi ko idini ryanyu rishobora kubashyira hanze muramutse mwigishije Ibyo, kandi muzi neza ko ari Ukuri. Kuri mwebwe abantu bafata ibintu bitari ukuri, mukabaho mu mibereho mibi. Mwebwe babyeyi b’abagabo n’ab’abagore mutagerageza gukosora abana banyu, ntimugerageze kubarera. Mushobora kugerageza uko mushoboye, kandi bigenda neza kw’isi uko byagenda kose, ariko mubanza kubabera intangarugero. Niba kandi mutabikora, Ijwi ry’Imana rirababwira riti: “Ntubikore.”

¹¹⁵ Noneho imitwe yose yunamyeye kandi amaso yose ahumirije, maze Imana yo mw’Ijuru irebe mu mitima y’uwo muntu ushonje maze abone aho atatunganiye. Kandi mu gihe muzamuriye Imana ibiganza, muvuge muti: “Mwami, ndifuzaga rwose ko Ijwi ryawe rinkuraho kutizera kwose, n’ibintu byose bitameze nkawe, kandi ungire icyo wifuzaga ko mba cyo.” Mwazamura ibiganza byanyu, mu gihe wowe...? Uwitega atanga umugisha. Imana iguhe umugisha.

¹¹⁶ Hanyuma Bibiliya iravuga, Yesu aravuga atitaye ku yandi majwi yose ati: “Umuntu niyumva Ijwi ryanjye.” Mukurikire, urabona icyo wifuzaga cyose.

¹¹⁷ Mwami, igihe kirimo kwihuta. Ariko Bibiliya yavuze iti: “Nk’uko benshi bizeraga, barabatijwe.” Ndakwinginze, Data wo mu Ijuru, kugira ngo buri wese mu bazamuye ibiganza mu kwatura nyakuri, ko Ijambo ry’Imana basomye, bakabona ko bari baribeshye. Sinigeze ndeba kimwe cya kabiri cyabo. Ntabwo ari njye wo kukireba, ni Wowe wo kukireba, Mwami. Uzi impamvu n’itegeho iri inyuma y’ibi biganza bizamuwe. Reka, guhera kuriyi saha, bagere ku ntego iri mu mitima yabo, “Guhera uyu muni, guhera ubu, nzafata Ijambo ry’Imana n’Ijwi ry’Imana, maze kandi ndikurikire uko igiciro cyaba kingana kose.” Kandi bazirikane mu bitekerezo byabo, ubwo baba bagiye, indirimbo ya wa musizi, “Yesu agomba kwikorera umusaraba wenyine, isi yose ikidegembya? Oya, buri wese afite umusaraba we. hari umusaraba wanjye. Kandi uyu musaraba wejewe nzawikorera, kugeza igihe urupfu ruzandekura.” Ubwo

iyi Ijwi ry’Imana rivuze riti: “Nzinjira gukiranuka kwe, kuko nakurikije Ijwi Rye, Ijwi ry’Ijambo Rye.” Ndabakweguriye ubu, Mwami, mw’Izina rya Yesu Kristo.

¹¹⁸ Noneho mu gihe twunamishije imitwe yacu, urahamya ukwemera kwawe. Natangajwe n’umuhungu muto wicaye hano, urimo gutitira umutwe. Kandi hariho Ijwi ry’itorero, “Ndi Uwitwaga ukiza indwara zawe zose.” Iyo ni Ijwi mu itorero. Namwe mwese mukeneye gukira, kandi ubayeho ubuzima bwejewe kuri buri Jambo ry’Imana uzi igikwiye, kandi ukeneye gukira, nibaza niba wazamura ibiganza byawe gusa. Zamura ibiganza byawe, “Mwami, nkeneye gukira.” Ni byo.

¹¹⁹ Noneho, umwira Ijwi ryo mu mutima wawe, “Ndi Uwitwaga ukiza indwara zawe zose.” Wibuke, iyi Ijambo rivuzwe, rigomba gusohora. Yesu yaravuze, muri Mariko 11:22, “Nubwira uyu musizi uti: ‘Shinguka aha,’ ntushidikanye mu mutima wawe, ahubwo wemere ko ibyo wavuze bizasohora, ushobora kubona ibyo wavuze.”

¹²⁰ Noneho, ubungubu buri wese mu buryo bwe, yunamishye umutwe, uhamye ibyo wiyemereye, “Mwami, nizera Ijambo ryawe. Ndumva Ijwi ryawe rimbwira ko uko wari uri ejo, ni ko uri uyu muni, kandi ni ko uzahora n’iteka ryose.” Ngiye kumanuka ndambike ibiganza kuri uyu mwana, kuko ari muto ku buryo atamenya ibyo ari byo, umwana muto w’igiciro, uya kungana n’umuhungu wanjye muto Joseph ndetse no mu myaka. Kandi ndashaka ko mwese musenga, musenga muti: “Mwami, ndumva Ijwi ryawe. Ndizera.”

¹²¹ Data wo mw’Ijuru, tukuzaniye iri teraniro kugirango ukize imibiri yabo. Kandi, Mwami, hano hari umwana muto w’umukene, yakomeje kunkurura mu bitekerezo ngo mwiteho mu gihe nabwirizaga, nabonaga umubyeyi yicaye hariya akikiye uwo mwana. Binyuze mu bumenyi bw’ubuvuzi, nta byiringiro by’uwo mwana. Hariho Ijwi ry’Imana rigenda hejuru y’ibindi bintu byose. Kandi nk’uko iri torero ryishyize hamwe kugirango ritange buri tegeko kandi nzi uko bikorwa, ahasigaye ni ahawe, Data. Ndimo kugenda ngo ndambike ibiganza kuri uriya mwana.

¹²² Data Mana, mw’izina rya Yesu Kristo, ndabyamaganye. Reka imbaraga z’Imana, gukiza kw’Imana...Reka habeho impinduka muri we mu minota itanu iri imbere...?....bose bashobora...?.... ku bw’Icyubahiro cyawe.

¹²³ Data wa twese wo mu Ijuru, Watanze amasezerano. Ibyo ari byo byose nzi, Watanze amasezerano. Byarakozwe, nk’uko byavuzwe, “Niba *uvuze* kuri ibi,” kandi ndabwira buri dayimoni y’uburwayi cyangwa imibabaro ihuza abari muri iri teraniro, ibyo bihuza aba bantu, umwuka wose wo kutizera, ndavuga nti: “Genda va mu bantu, mw’Izina rya Yesu Kristo!” Noneho, tuzi ko byanditswe, kandi ko byavuzwe, reka

bikorwe, kubw'icyubahiro n'ubwiza bw'Imana. Kandi tubisabye mw'Izina rya Yesu Kristu.

¹²⁴ Noneho, wowe ushobora kwizera, kandi ukizera, uko byagenda kose, n'ubwo bitabaho, imbuto zarabibwe muri wowe. Akantu gato kari imbere muri wowe, rya Jwi. Ababyeyi b'uyu mwana, uko umwana yaba ameze kose, urizera ko imbuto y'Imana yaguye mu mutima wawe, ko uriya mwana w'umuhungu azakira? Ahasigaye buri wese asengere undi, urizera ko imbuto y'Imana yaguye mu mutima wawe, "uburwayi bwanjye burarangiye?" Noneho isengesho ryo kwizera ryagusengewe, guma ku murimo. Niba kandi Satani akugerageje, hita usubira inyuma uvuge uti: "Mpagaze muri iryo torero rya Espagne, ku cyumweru mu gitondo, isengesho ryo kwizera ryaransengeye. Kandi Imana yarasezeraniye!" Isengesho ryo kwizera rizakiza abarwayi kandi Imana izabazura. Bigomba gusohora. Murabyizera? Muvuge muti: "Amina." Imana ibahe umugisha. Noneho reka nsubize umurimo mwene Data Rose, ngira ngo ari hano, mwene Data Jewel Rose.



IJWI RY'IMANA MURI IYI MINSI YA NYUMA KIN63-0120M

(The Voice Of God In This Last Days)

Ubu butumwa bwa Mwene Data William Marrion Branham bwabwirijwe mu Cyongereza ku Cyumweru mu gitondo tariki 20 Mutarama 1963, muri Apostolic Church i Phoenix, Arizona, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Bwafashwe amajwi kuri bande mu mwimerere wabwo. Bwandikwa nk'uko bwabwirijwe mu Cyongereza. Ihindurwa mu Kinyarwanda ry'ubu butumwa ryakozwe kandi rinatangazwa na Voice of God Recordings.

KINYARWANDA

©2023 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org